K0164363



| | | |
|---|---|---|
| IDENTIFICATION | : | RTLM N° 44 3è PARTIE 0329 01 - 02/02/94 |
| DUREE | : | 60 MIN. |
| QUALITE | : | MOYENNE |
| TRANSMISSION | : | RTLM |
| DATE DE TRANSCRIPTION | : | 21/11/2000 |
| NOM DU TRANSCRIPTEUR | : | ICYITEGETSE Drocella |
| NOM DU FICHIER | : | 0329.WPD |
| DICTAPHONE | : | SANYO<br>Modèle : TRC-8080<br>N° de série : P9407754 F |

K0164364

## RESUME DE LA CASSETTE N° 0329.

**FACE A:**

* BUSUNYU Michel, ancien parlementaire rwandais prodigue des conseils aux leaders des partis politiques rwandais pour la mise en place des institutions de transition.

* Kantano HABIMANA fait des commentaires sur les paroles de BUSUNYU Michel.

* Lecture des communiqués par Kantano HABIMANA.

**FACE B:**

* Gaspard GAHIGI annonce la prise des sanctions à l'endroit du militaire belge ayant envahi le domicile de BARAYAGWIZA.

* Emmanuel NKOMATI lit le communiqué émanant du comité des Interahamwe du secteur Cyahafi mettant en garde les jeunes d'autres partis politiques qui portent l'uniforme des Interahamwe pour semer le désordre.

* Questions sur l'histoire du Rwanda posées par Gaspard GAHIGI.

K0164365

**FACE A**

**Orateur : BUSUNYU Michel**

... bakabica bakabiyogoza, abantu bagakubitwa, abantu bagasenyerwa, abantu bakicwa. Interahamwe zari zitarabaho. Ariko aho Interahamwe zibereyeho, ubu ntabwo mwapfa kubikora. Interahamwe donc ntizishotora ariko zibuza inkoba... Inkuba kongera gukora amarorerwa nk'ayo zakoze mbere. Muzarebe ibimuga biri mu Rwanda byabigizwe n'Inkuba. Muzarebe amazu yasenywe, muzarebe ayatwitswe, muzabare inka zariwe, muzarebe amakawa ya... yatwitswe, muzarebe abantu bakubiswe bazira Inkuba. Ndabaha urugero. Urwa mbere: muri Nyabikenke. Urwa kabiri: muri Nyakabanda. Urwa gatatu: mu Kaboza. Urwa kane: ee... mu Gafunzo. Urwa gatanu: mu Kagano. Urwa gatandatu: mu Kirambo. Urwa karindwi: muri Karengera. Aho ngaho hose ni Inkuba zagiye zi... ni MDR ya TWAGIRAMUNGU yagiye ihakora. Kandi nta n'umugayo, TWAGIRAMUNGU ubwe, wowe ubwawe wigeze kuvugira kuri Radiyo ko uzanani... icya mbere uzananiza ubutegetsi, uzazana imvururu mu gihugu, uzakoresha imyigaragambyo, none ubu ngubu imvururu zose ziri mu gihugu ni wowe wazizanye kuko wabivugiye kuri Radiyo, biranditse, ndetse ni nko guhera mu matariki ya makumyabiri na kabiri y'ukwezi kwa cyenda muri mirongo itandatu n'ibiri. Ndakeka ko byaba biri aho ngaho. Niba atari n'aho, mwashobora gushakira ahandi ariko iryo jambo wararivuze.

**Orateur : Gaspard GAHIGI, rédacteur en chef de la RTLM**

Muri mirongo itandatu n'ibiri cyangwa muri mirongo cyenda na kabiri?

- Muri mirongo cyenda na kabiri.Yee. Ndakeka ... iryo ja... aho hantu muzaharebe. Uzumve ko nta ho wigeze uvuga ngo "uzazana imvururu mu gihugu", ngo "uzananiza ubutegetsi". None se ubu hari ubutegetsi buriho koko?

Ngo "uzazana imvururu". None se ntimubona uyu mwiryane turimo wose! Aya maraso yose

ameneka, izi mvururu zose ziri mu gihugu ni wowe wazi... ni wowe wazizanye. Ni wowe wazizanye, ahubwo wari ukwiye ... Sinzi n'igituma bakigufashe... bakigufasheho umuntu ugomba gushinga Leta, umuntu ugomba kuzana amahoro mu gihugu kandi ari wowe wazanye imyiryane.

- None rero Muzehe BUSUNYU ndagira ngo twanzure, tu... wavuze igihe kirekire ahubwo nta n'ubwo twaganiriye, urasa n'aho ari wowe wavuze gusa kubera ko koko ufite icyo uvuga, iyo umuntu afite icyo avuga aravuga. Nkagira ngo (il se racle la gorge) mu byo wavuze duse nk'abafata umwanzuro kuko urabona imvururu ziriho, ubutegetsi bwarananiwe burasa n'aho butakiriho, tukaba dusa nk'aho turi mu gihirahiro cya politike kuko twa... kuko twari dutegereje Guverinoma y'Inzibacyuho Yaguye n'Inteko Ishinga Amategeko y'inziba... y'Inzibacyuho Yaguye.

Mu byo wavuze urebye wa... watugiriye inama uvuga uti "abasinye amasezerano bahura na TWAGIRAMUNGU cyangwa se hakaza ndetse n'abantu b'inararibonye muri MRND no muri MDR bakabagabanya ubutegetsi. Nkagira ngo noneho mu magambo ahinnye, uri inarabonye, urabona igihe watangiriye politike kugeza ubu, kugeza magingo aya urayikurikirana, ubu mu magambo yumvikana hakorwa iki kugira ngo iyi Guverinoma y'Inzibacyuho ijyeho, iyi Nteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho ijyeho, ikintu Abanyarwanda basigarana mu mutwe bati tukibwiwe n'inararibonye BUSUNYU Misheli ni ikihe? Mu magambo make wabwira Abanyarwanda cyabavana muri iki gihirahiro izo nzego z'Inzibacyuho zikajyaho? Muzehe BUSUNYU.

- Murakoze Bwana Gaspard. Kirahari, bananiwe kumvikana kugabana imwanya. Mwumvise ko ingorane cyane ziri muri MDR yacitsemo ibice bibiri ...

- No muri PL.

- ... no muri PL yacitsemo ibice bibiri. MDR ryari ishyaka rimwe ricikamo ibice bibiri. Baracyari muri MDR yabo n'ubwo yacitsemo ibice bibiri. Ibyo bice nibigabane ubutegetsi. Intebe bazihaye ... intebe babihaye nibuzigabane. Wenda bagabanye bahwanye uko babyumva ariko babugaba... ba...

bazigabane kuko nta wavuga ngo umwe ni MDR kurusha undi cyangwa ngo umwe ni... ngo umwe ni MDR kurusha undi, undi ni MDR kurusha undi. Ubwo ni ba MDR bose n'ubwo bafite ingingo zibatandukanyije nibazegeranye, nibagabane ubwo butegetsi wenda ibyo bazabe babireba hanyuma.

Ep... PL na yo, hari PL ya MUGENZI hakaba na PL ya Lando, Lando nsigaye numva ari we uvuga e... n'iyo... n'inama zabaye ni we usigaye uhagarariye M... PL kandi nari nzi ko Perezida ari MUGENZI. Bombi ni ba PL nibagabane imyanya babahaye, bayihereze ubo... bahereze abadepite ... bahe Perezida abadepite bo muri MDR ... bavuye muri MDR PARMEHUTU no muri MDR iriya ya TWAGIRAMUNGU.

Abo muri PL ba MUGENZI baz... ee... babahe ku myanya n'aba Lando wenda babahe imyanya, noneho abo bantu babahereze Perezida ashobore kurahiza abantu. Ashobore kurahiza abantu Inteko Ishinga Amategeko iboneke kujyaho. No mu myanya ya ba Ministre bibe uko. Kuko ibyo bitabaye ndabona bategura ikindi kintu. Baraategura ikindi kintu niba ibyo bitabaye.

MDR niyeguke, ive mu rubuga rw'amashyaka, ntuza PL niyeguke ive mu rubuga rw'amashyaka noneho dushake irindi shyaka rizafata Premier Ministre. Ntabwo azava muri MRND amashyaka ntabuze, ariko niba ariya ... TWAGIRAMUNGU niba ananiwe kuva... gukora pere... ee... ishyaka, niba ash... ananiwe gukora guverinoma niyegure rwose, atange ibintu avuge ati nananiwe kumvikana n'abantu. Ubwo nananiwe kumvikana n'abantu sinashobora gushyiraho Guverinoma. (Inaudible) et de fait, sinzi ubundi ahubwo ukuntu umuntu wananiwe kumvikana n'ishyaka rye ukuntu azumvikana n'igihugu cyose ngo akiyobore. Ahubwo birababaje ni ingorane!

Ntuza... Sylvestre yabaye Premier Ministre nta nenge agira, ariko byaramunaniye, ya... yaje kunanizwa, baje kumunaniza avaho. Agata yagiye... ee... NSENGIYAREMYE yagiyeho nta nenge agira, nta cyo tumuvugaho ariko na we byaje kumunanira avaho. Agata yagiyeho nta nenge agira ariko ubu ngubu na... urumva ibyo asigaye avuga, nkanswe uyu muntu utangiye, utangiranye ibibazo.

Niba mudashaka kuturohera u Rwanda muruha umuntu mu... mushinja amakosa déjà i... ibinyamateka bimwe bira ... ibinyamakuru bimwe bivuga ko ngo arimo imyenda ishyano ryose. Aho none ntazatwishyurira igihugu! Iyo myenda ntabwo izishyurwa igihugu cyacu! Ibindi bikavuga ko ari igisambo yibye muri STIR. Barabivuga mu makuru barabivuga. Numva babivuga mu biganiro. Ese none ko mumukemaho, mumukemangaho izo ngabo... izo ngeso zose, na we akaba agagara kuba yashyiraho Leta, none nta kintu yi... yishingikirije? Aho nta mwenda ari... ahubwo umenya muzi... mwayobewe ikindi, agomba kuba arimo umwenda w'Inkotanyi ashaka kuzishyura u Rwanda.

Bon, donc umwanzuro ni uko iriya myanya bayigabana, baba batayigabanye MDR ikava mu rubuga rw'amashyaka, PL ikava mu rubuga rw'amashyaka, imyanya yari yarahawe igahabwa ayandi mashyaka arahari, kandi si bo banyabwenge bonyine. Biti ihi se, MDR ikavana... TWAGIRAMUNGU akava ... akava muri ee... ku mwanya wa Primature bagashaka undi mu... muMDR agashyiraho Guverinoma kuko guhera mu gihirahiro biratunaniye. Uzashobora ku... uwo MDR uzashobora kumvikana n'abaturage, akumvikana n'amashyaka, akumvikana na Perezida wa Repubulika bagashyiraho Leta.

- ... (inaudible) na PL binaniwe kugabana, ibice byayo binaniwe kugabana, TWAGIRAMUNGU na we akananirwa gushyiraho Guverinoma akavamo, twagusha kuri bya bindi bivuga yuko amasezerano y'Arusha yasubirwamo kuko ari PL, ari MDR, ari TWAGIRAMUNGU banditse mu ayo masezerano.

- Awa! None se amasezerano ya mu... ya... y'Arusha ni amategeko y'Imana! N'ay'Imana ntimujya muyica ariko ... hanyuma ntimwongera muga... mukabyinabyina. Nimushake igitunganiye Abanyarwanda, ayo masezerano y'Arusha si Abadepite bayavuze. Ayo masezerano y'Arusha si Abanyarwanda ndetse ... si Abanyarwanda bavu... b'ukuri bavugira Abanyarwanda bayavuze. Ayo masezerano y'Arusha byabaye coup d'Etat ya Arusha! Nibayirebe uburyo bayihendahenda ari bariya bashatse kugaruka mu gihugu bajye mu gihugu, ari bariya ba... bashatse kubisunga na bo baze dusangire ariko badashingikiye cyane ku masezerano ya Arusha. Muri Angola byacikaga mutareba, ntabwo bari bayasinye! Muri Tchad byacikaga mutareba, ntabwo bari bayasinye! Ni... namwe rero

murashaka kubakira inzu ku musenyi! Nabivuze amasezerano ya Arusha ni... ni umusenyi murashaka gushinga inzu y'amadafari ku musenyi. Ari... rero baravuze ngo niba... sinzi umunyapolitike wavuze ngo "nibaduhe natwe tugerageze" ngo "HABYARIMANA yananiwe gutegeka" ngo "nibaduhe ubutegetsi twigeragereze". Koko ni nde Munyarwanda w'ukuri, Umunyarwanda uzi ubwenge wafata miliyoni umunani ngo agiye kuziha umuntu ngo azigeragerezeho? Umu... miliyoni munani ngo zi... ngo zi... ngo zimpe ngerageze! Kugera... umuntu ageragereza ku kantu gatoya, ntageragereza kuri miliyoni umunani z'Abanyarwanda.

Bon, ikindi navuze ariko ibinshengura ni byinshi cyane, umutekano warabuze mu gihugu ni abanyepolitike gusa bawica, bakuru. Ntabwo mvuga ngo igihugu nikibeho kitagira ubutegetsi, ariko ubu nta butegetsi gifite kubera nyine iriya myivurungatanyo yose. Nsubiye muri rya jambo navugaga ko TWAGIRAMUNGU yakwegura cyangwa akemera agakora ibyo... ibyo yumvikanyeho n'abandi ariko tukabona ubutegetsi. Babe... byaba bibananiye bakaduha ... bagashaka abantu b'inararibonye bakagenda bakabaganya ... bananiwe kwigabanira ubwabo, none nibareke aba... inararibonye zibagabanye zo zidashaka imvururu.

- Nagira ngo... (inaudible) ndumva... ngira ngo winiguye bihagije, nshuti mutwumva rero uwo mwumvise ni umusaza w'inararibonye witwa BUSUNYU Misheli, umusaza ufite imyaka mirongo itanu n'umunani ariko mwumvise ko agifite ingufu, mwumvise uko avuga, ko afite pawa wa mugani w'ijambo rigezweho ubu, hanyuma nkagira ngo mbabwire ko ari umuntu w'inararibonye muri politike koko mu bashinze Repubulika, mu bashinze demokarasi tariki makumyabiri n'umunani Mutarama mirongo itandatu na rimwe yari abarimo, akaba yarabaye n'Umudepite watowe tariki makumyabiri n'eshanu Nzeri mirongo itandatu na rimwe, ku munsi nyine wa Kamarampaka.

Mwumvize... mwumvise rero ibyo avuze ku byerekeye icyatuvana mu gihirahiro, ati "amashyaka MDR TWAGIRAMUNGU, MDR Pawa nibagabane, PL MUGENZI, PL Lando nibagabane, TWAGIRAMUNGU niyemere ibyo ... inama bamugira z'abasenyeri, yemere abakandida amashyaka amuha ashyireho Guverinoma, niba abyanze TWAGIRAMUNGU Fawusitini nave mu nzira yegure

bashake undi Mupremier Ministre mu yandi mashyaka. Niba MDR Pawa, MDR TWAGIRAMUNGU bananiwe kugabana nibave mu nzira. Niba PL MUGENZI inaniranywe kugabana na PL Lando imyanya bayigeneye nibave mu nzira Abanyarwanda bashyireho Guverinoma bakwiye, bashyireho Inteko Ishinga Amategeko bakwiye, kandi ko amasezerano y'Arusha atari amategeko y'Imana, ati "ndetse n'amategeko y'Imana abantu barayica kandi ntibibabuza kongera gusubira mu kiliziya ngo basenge".

Muzehe rero BUSUNYU tukaba tugushimiye cyane ibintu ugejeje ku Banyarwanda ni ingirakamaro, ndagira ngo ngusubize ijambo nawe ubasezereho yenda amahoro muri iki gihugu.

- Murakoze, murakoze. Na none ni byo koko ndabashimiye cyane Bwana GAHIGI, burya ngo "akuzuye umutima gasesekara ku munwa", twebwe dukuze, twebwe tuzi aho twavanye u Rwanda iyo tubonye abantu barukiniramo turababara cyane tukanashenguka. Twaruzanye tugira ngo turubahe ntabwo twaruzanye tugira ngo murwice nabi, bamwe barwice nabi. None rero ari abato ari abakuru, ari abanyepolitike, ari abihayimana nimwirinde ikintu cyakongera kugarura intambara, nimwirinde icya... ikintu cyatuma twongera gusubira mu gihirahiro, nimwirinde kandi ikintu cyatuma twubakira inzu ku musenyi!

Hari umunyepolitike wavuze ngo ... ngo "nimundeke" ngo "nshyireho Guverinoma" ngo "ibitaratunganye" ngo "nzaba mbitunganya". Ubwo se twaba tugana hehe? Wowe urabona ikosa ngo reka mbanze ngo... ngo nkore... ngo reka nkore akazi ngo... ngo reka nubakire ku ikosa ngo ikosa nzaba ndikosora kandi wakosheje! Umuntu yakora i... ikosa ryamugwira ariko nta wakora ikosa arireba.

- Ni byo wavuze byo gushyira... fondation ku musenyi.

- C'est ça. Donc, ndashimira RTLM yabashije kugera ku Banyarwanda bose, ndashimira n'abakozi bayo badahwema gukangura Abanyarwanda. Nimukomeze, inzira iracyari ndende mugire Abahutu

inama, mugire Abatutsi inama, mugire Abatwa inama, mujijure Abanyarwanda haracyarimo injiji. Na bariya bategetsi nimukomeze mubabwire mwibatinya, u Rwanda babyiganiramo si urwabo ni urwacu twese, si umunani wa ba se, si umunani w'iwabo, pas du tout, Umunyarwanda wese afite ububasha kuri urwo Rwanda. Donc, nimukomeze mujijure, nimukomeze mutere imbere mujijure abaturage, kandi cyane cyane mubwire ko abo Bahutu bari kugenda bajya mu Nkotanyi bazamera nka NKUNDIYE, ko igihe kigeze kugira ngo Abahutu bamenye ko Inkotanyi yaje ishaka ubutegetsi bwayo. Niba rero ibusubiranye ko Abahutu muzaba mushize mwese nta kundi, nta kundi, nta kundi. Ndarangije.

- Murakoze, tubifurije urugendo rwiza, muzasubire i Cyangugu amahoro. Hanyuma ikintu koko avuze twafata, twafata byinshi mu byo yavu... mu byo yavuze ariko abantu b'Abahutu ntabwo bakwiye kuzamera nka ba NKUNDIYE ngo bajye mu bandi bagabo ngo bivuge kandi ari abagambanyi. Murakoze, muzagire urugendo rwiza, muzagere i Cyangugu amahoro.

**Orateur : Kantano HABIMANA**

...bwira, tuzababwiza ukuri, dusabe n'abanyakuri baze batwunganire bababwize ukuri. Icyo twafata muri iri jambo rya Muzehe BUSUNYU Misheli wo muri Karengera i Cyangugu ni uko avuga ati "mu by'ukuri Abatutsi, Inkotanyi baje bashaka ubutegetsi bambuwe muri mirongo itanu n'icyenda bambuwe natwe Abahutu tubushaka nuko tuza kubu...kubufata tubuha ku bana bacu, abana bacu bo rero bamwe bavamo bigira ibyihebe bati "butegetsi ubwo impunzi zitahutse n'Abatutsi bakaba baje bitwa Inkotanyi, abari Inyenzi babaye Inkotanyi uretse ko n'Inyenzi na zo zirimo" bati "noneho ibyiza ni uko twabibahereza ku mbehe". Ariko BUSUNYU aravuga ati "twabahaye ubutegetsi bana bacu tugira ngo muzabugumana, none aho kudutangira igihugu ahubwo twagaruka n'ubwo dushaje tukakirwanira" ati "ariko umunsi mwene Gatutsi inko... Inyenzi cyangwa Inkotanyi zongeye gusubirana ubutegetsi umwe Abahutu ubwo akanyu karashobotse ntazongera kubareba n'irihumye, ntazongera no kubusubiza kuko azaba yagize ingufu nyinshi muzahita muhereramo".

Maze rero mu by'ukuri nta wanze ko Umututsi abona ubutegetsi kandi mu by'ukuri mu gihe cyose cyabaye n'ubwo babonye si buke, ariko na none nta wakwihanganira yuko ngo ni uko ngo avuye hanze y'igihugu ngo aze byose ayore, abike ajyane, abantu bose basigare bifashe mapfubyi, ibyo ntabwo bishoboka. Inkotanyi ... Inkotanyi zifite ibyo zabonera... zaboneye Arusha si bike, niba zibonye ko bitashoboka byose ni uko abantu babonye ko hari ibitaragenze neza, noneho zemere zibone ko hari ibyo Abanyarwanda banenzemo muri ayo masezerano. Ibyo ari byo byose ubuze ay'iburyo akama ay'ibumoso, ntabwo bashobora kwizera na bo usibye gukabya yuko amasezerano y'Arusha azaba amasezerano akemerwa... kugeza ku munota wa nyuma kuko byonyine, byonyine mu kwangira CDR, kuyima impapuro zo gusinya kandi ari byo byanditse mu masezerano y'Arusha yuko abasinya mbere y'uko Guverinoma y'Inzibacyuho ishyirwaho bajya muri ... mu... muri Assemblée byonyine kuyima impapuro ni ukwica amasezerano y'Arusha, kandi nta cyo Inkotanyi zibivugaho. Ahubwo zo ziravuga ngo "ntizakwicarana na CDR".

Ibyo rero na none ni akumiro! N'Inkotanyi na zo zimenye ko hari ibintu bimwe na bimwe ... hari ibintu bimwe na bimwe abantu batinya kuvuga... ariko aho babivumburiye bakavuga, kandi bakavuga bashimitse. Gufata TWAGIRAMUNGU Fawusitini, alias Rukokoma urimo ugundagurana n'ishyaka rye, uri ku giti cye wenyine amashami nta yo afite, imizi nta yo ni igiti gihagaze gusa, ukavuga ngo ufite abarwanashyaka ba MDR, ibyo ni ukwibeshya! Gufata NAYINZIRA Jean-Népomuscène, noneho bambwiye ko yabonetse ngo hari aho anyuze mu mudoka hafi ya PVK yihuta ngo agenda sinzi iyo agannye, ubwo agiye mu manama n'Inkotanyi, gufata rero NAYINZIRA rwose ku giti cye, NAYINZIRA umunyakayove ngo ubonye... ngo ubonye Ministre, ngo ubonye depite ngo uzakuvuganira, iyo adafite abamuri inyuma nta cyo aba avuga! Aba avuga nk'iki... nk'ikivumvuri, nta... ntabwo bifata.

Hanyuma rero kwishinga PL Lando, PL Lando ni Abatutsi, Abatutsi na FPR ni cyo kimwe. Nta cyo rero uba ufashe! Noneho gufata FPR ukongeraho FPR (bis), ukongeraho MDR, MDR ee... u... urwoya rwayo, (aseka) urwoya rwayo, ukongeraho n'umugabo witwa NAYINZIRA ngo ufite amashyaka, ukongeraho na PSD idafite na Shyanda yose, idafite na Shyanda yose tutavuze Butare

ee... idafite na kimwe cya gatatu cya Butare ngo ni ishyaka ngo uratwaye ngo uri igitangaza, ngo ubwo ngubwo utwaye abaturage, ni ukwibeshya. Ahubwo genda urebe amashyaka afite abaturage mube ari yo mwumvikana, wumve neza ko ari yo muzakorana iki gihugu.

Ndakeka yuko nta kundi umuntu yagira inama nziza Inkotanyi kundi kuri aho ngaho uretse kubabwira ati Nkotanyi rero KANYARENGWE (inaudible) Perezida HABYARIMANA bakoranye cyane, hanyuma ngo abatware mu mujinya we n'agahinda ke, nimurebe ko mwaje musanga Abanyarwanda mwemere mukorane, mwemere mu... mwiyunge n'abo mwangana muhereye ku Basederi! None se ko Abasederi ari Abahutu, muraza mwanga Abahutu ngo amaherezo? Na bo bizatuma bajya babanga muhore mu mahane na none nta mahoro muzagira ibyo birumvikana!

Murikoma Interahamwe, Interahamwe ni abana b'Abanyarwanda musanze ino. Abo bantu mwikomye se muragira ngo babasimbure mu ishyamba iriya aho mwari muri? Ntibishoboka ntibababakundira. Namwe murimo murahunguka ngo bahunge se? Ntibazabahunga. Nimukomeza kubi... kubikoma muzagundagurana kandi nta cyo muzabatwara. Ubwo rero ibyiza ni uko mwa... mwacisha make. Nkotanyi mucishe make, naho ubundi iki gihugu ni icyacu. Ni icyacu, nta wuzakiducuraho, habe n'iki, tuzagisangira uko kiri. Ushaka kuducura tumwamaganire kure, tugisangire data aho, tugisangire mu mahoro. Naho kwigira akari aha kajya he byo nta ho bishobora kubageza.

Maze rero hinga mbasomere amatangazo. Iyo yari inama nahaga Inkotanyi ziriya zo mu Miyove kure, iyo mu Miyove. Murumva... Radiyo yigenga RTLM, aho hose aho Inkotanyi ziri muri CND ubu zafunguye radiyo zirimo zirumva, zaraye zivuze ingoma ngo mbona... Muzehe MBONABARYI yitabye Imana. Hein, ibyo ni a... ni uburenganzira bwanyu, ariko rero kwishimira umusaza wapfuye nta cyo bimaze!

Hanyuma... ubwo rero... ahubwo nimukure abo... abo bantu mu... muhishe aho ngaho iwanyu bose n'iki, murakomeza mukurura amahane aho mu baturage. Ubwo rero ibyo... ni ibyanyu. Hanyuma inama nabagira rero (inaudible) mubona ko ibintu bihindutse noneho mukabihindura mu buryo bwiza.

Naho ni hahandi n'iyo mwasinyisha ibintu uko mushatse abantu bazabyanga. Mushobora no kujya muri Assemblée mugatora itegeko kuva none Aba...hutu basu... basubize ibyo batwaye muri mirongo itanu n'icyenda Abatutsi bakanga kubibasubiza ahubwo bagahitamo kongera kurwana, hanyuma nkareba yuko iryo tegeko ryanyu hari icyo ryaba ribamariye. Ni hahandi. Ibintu rero by'ubusambo mu Nzibacyuho ... Ariko kuki mushaka kugwira inda nk'Abahutu? Hein, hein! Him! Ngo "Abahutu ni bo bagwira inda ra"! A! Ya! Ya! Ya! Ya!

Rero RUTAREMERA yari arimo avuga ngo "babirwaniyemo ngo... ngo "nk'imbwa zihuriye mu mayezi"! Hanyuma mwakwigiyeyo se? Mwakwigiyeyo muka... mukava muri ayo mayezi muri mu biki, hanyuma mukemera ibyo mwavanye Arusha ko atari bike? Ministeri eshanu, abadepite cumi n'umwe ni ryari Inkotanyi zizigera, ni za... ni ryari Abatutsi bazigera bagira abadepite cumi n'umwe? Nako ishyaka FPR da! Sinzi... aba... Abatutsi bo bashobora gutorwa hose, ariko FPR izigera igira abadepite cumi n'umwe ryari? PSD izigera igira umu... abadepite cumi n'umwe ryari? Ee... PDC se izigera igira n'umudepite n'umwe ryari? Urumva ko ibyo mwakuye Arusha nimujyane ibyo ndakeka yuko ibindi ni ugukabya.

Hinga mbasomere amatangazo ...

... i Kigali, ubu saa sita zirabura iminota cumi n'itanu, saa sita zirabura iminota cumi n'itanu. Amakuru ashyushe rero atugezeho kandi ababaje ni uko abasirikare ba MINUAR, abasirikare ba MINUAR ngo baba bamaze kurasa mu bantu bakoraga imyigaragambyo mu Nyakabanda bakaba bamaze kwicamo abantu babiri. Maze rero iyo nkuru ndayivuga gutyo yuko baba ... ndacyashidikanya mu kanya tugiye kureba iyo mirambo aho iri... aho igaramye hariya muri ... muri... mu buruhukiro, hanyuma ubwo turababwira inkuru y'imvaho mu kanya tuvuye kureba mu buruhukiro aho iyo mirambo imaze kugandagurwa n'aba MINUAR iri. Cyakora biramutse bibaye ibyo ngibyo nyine murumva ko igihugu cyacu cyaba kigiye kuba Somaliya birangiye. Ubwo rero ni ukureba ukuntu ibintu byagenda.

Hanyuma indi... indi nkuru tumenye ni uko aba...sirikare ba MINUAR bagiriye urugomo Bwana

BARAYAGWIZA Jean-Bosco, ubu ngubu ba... bari hafi gufatirwa ibyemezo. Hari akanama rero kagiye guterana mu kanya, kakaba kagiye kubafatira ibyemezo kubera ko bamenyekanye. Na wa musirikari wahondaguye umudari wa Perezida wa Repubulika na we yamenyekanye, mu kanya ... mu kanya nko mu ma saa munani ngo Bwana Roger BOOH BOOH aratanga itangazo rusange anamenyekanishe n'ibyemezo abo bagizibanabi bafatiwe.

Ubwo rero inkuru ishyushye maze kubabwira ibabaje ni uko abasirikare bo muri MINUAR baba bamaze kurasa abantu babiri bagapfa mu Nyakabanda. Ubwo rero mu kanya turabagezaho inkuru y'imvaho ariko ni uko bimeze nitumara kubona imiramo ni ukumenya uko bigenze turabibabwira, ariko inkuru mube muyifashe uko nguko imeze.

Hanyuma noneho abasirikare b'Aba MINUAR ahagana i Gikondo hose bahazitiye ubu ngubu nta modoka ihita barimo barasaka abahisi n'abagenzi. Ubwo rero ni ukumirwa! Ni ukumirwa niba koko ibyo bintu bibereye mu Nyakabanda. Abantu bo muri MINUAR baje kuturinda, none ubwo baje kutuma ndakeka yuko ni ugusaba ko nta kindi urebye abavugaga ngo "yabamara" ni ugusaba ko bakwitahira hakaza abandi kuko bigaragara yuko akazi kabananiye.

Itangazo... dusabe Imana icyo bashoboye kubona, hari icyo bashoboye kubona ku byerekeye agashahara se? Abarimu se aho hari icyo bazabona cyangwa bazongera bajye mu myigaragambyo? Ni ugukubita inzu ibipfunsi. Ni ugukubita igihugu ibipfunsi. Ibintu birakomeye. Ukwezi kwa mbere ko kuranarushya, ubu udufaranga abenshi twarashiriwe mu minsi mikuru. Iyo umuntu rero adahembwe kuri makumyabiri na gatanu akageza mirongo itatu na rimwe, agasingira ukwa mbere, eh... nako agasingira iya mbere y'ukwa kabiri burya biba bikomeye. Nyabuneka, nyabuneka abafite abakozi murebe aho mwaguzaguza hanyuma barebe ko... bamanura imbabura ibintu nta kigenda.

Ubwo rero, hum, mu kanya inkuru nababwiraga, mu kanya inkuru nababwiraga ni uko abasirikare ba MINUAR bamaze kugandagura abantu babiri mu myigaragambyo yaberaga ku ki... ibera ku Kimisagara. Tukaba rero tugiye gukurikirana uko ibyo bintu bimeze. Tugiye gukurikirana ibi... uko

ibyo bintu bimeze, hanyuma... aka gapapuro na ko umuntu yakangejejeho ariko sinshaka ko gatakara, ee... ni umuntu umbwira ngo "aho FPR ikorera inama i Gitarama mu mujyi ahantu bita i Nyabisindu" ngo "ni kwa Directeur wa Collège ACEG witwa Yozefu NYAGATARE". Ngo "imodoka bazanye bazihisha mu igaraje kwa Mugande". Ngo "izo nama ziyoborwa na Malayika ... na Malakiya na NDIHANO na S/Prefe GASANA na Rudoviko RUDAHUNGA w'i Kabgayi n'uwitwa Andereya NTURO akaba icyitso ngo cy'Abatutsi b'i Kabgayi kuko ari we ubashyira amakuru yose, ndetse akayajyana mu Bapadiri b'Abatutsi bo ku Muhororo muri Kibirira. NTURO Andereya akaba n'inshuti magara ya Majoro KARENZI KARAKE kuko na we ngo amushyira amakuru y'iby'i Gitarama. Ngayo rero amakuru muri make turangirijeho.

Hanyuma... hari abavuga iby'i Burundi se mwakomeje kuvuga ko mutubwira byifashe bite? Mu by'ukuri muri make iby'i Burundi kubivuga, ubu ngubu uyu munsi ni ho hari hateganyijwe umuhango wo kurahira wa Perezida wasimbuye Nyakwigendera NDADAYE, Sipiriyani NTARYAMIRA ariko rero nyine nk'uko mwabyumvise Abarundi ... nako Abatutsi, Abatutsi nyine babyanze, cyane cyane biturutse ko urukiko rwagombaga gusuzuma uko ibintu byagombaga kugenda rwarasheshwe n'Inama ya Leta, rwasheshwe n'Inama ya Leta, nako rwasheshwe n'Inteko Ishinga Amategeko, Inteko Ishinga Amategeko ikaba i... iyoborwa na Sylvestre NTIBANTUNGANYA. Ubwo rero habanje kwegura abacamanza babiri bo mu majyaruguru y'u Burundi batari kumwe... na Perezida uyobora urukiko uturuka i Bururi na bene wabo bata... batanu, noneho babonye abo batanu basigaye baravuga bati "namwe nimugende ni hahandi", barabirukana, bashyiraho komisiyo igomba guhita isuzuma icyo kibazo ikagikemura, noneho Perezida Sipiriyani NTARYAMIRA akarahira none. Hanyuma rero Abatutsi babibonye bati "nta byo ibintu byacitse". Bambara za treningi, za treningi za zindi bita shitingi, zimwe zikoze mu tuntu tw'udupapuro, tw'udukaratasi. Izo treningi bita shitingi rero baba barazambaye, nuko birara mu baturage reka sinakubwira. Mwumvise yuko abasirikare barashe hagapfa abantu barenga makumyabiri bose! Mbese ibyo ni nk'ibyo bya MINUAR koko niba ari ukuri. Murumva rero yuko ibintu bikomeye.

Ariko nyine iby'i Burundi birumvikana kuko n'ubwo Perezida yarahira akacumi ba BIKOMAGU

K0164377

barakigira akari aha kajya he. Dore babujije ingabo za OUA kuza. Dore... abishe ba NDADAYE n'abandi bose barakidegembya nta cyo babaye! None urumva ko ni yo mpamvu bikorera ibyo bashatse! Mu by'ukuri rero iby'i Burundi birimo, nta ho bishobora kujya, nta wavuga ngo byatunganye kuko Perezida yarahiye, kuko... kuko za nshirwarimenetse z'Abatutsi extrémistes, mbese Inkotanyi z'i Burundi na zo urabona ko ntabwo zirava ku izima kandi ni mu gihe nta washobora kuziku... nta washoboye kuzikura ku izima.

Maze rero mu Burundi i Bujumbura ibintu bimeze nabi, ubu Abatutsi barimo barimukira ahari Abatutsi benshi, Abahutu bakajya muri quartiers zirimo Abahutu benshi, noneho bikamera nka apartheid bimwe byo muri Afurika y'epfo byaretswe, ku buryo rero amaherezo uko bizagenda nta wubizi. Birumvikana rero yuko mu Burundi rwose ku bavandimwe bacu biracyari ingorane, ariko ni iwacu kandi ntimwirengagize ko hari ingorane. Kandi... ko ibintu ... ibintu byose muri iki gihe ari ukuryamira amajanja.

Mwari kumwe na HABIMANA Kantano, hanyuma na technnicien wacu Onesphore na we yari ari kuri technique yabagejejeho umuziki mwiza.

Maze rero... wa mugani icyo mu nda gishatse icyo mu nkono. Icyo mu nda gishatse icyo mu nkono, mwiririweho ni aha nimugoroba. Ubwo turongera kubonana. Maze mwiriranwe amahoro n'amahirwe. Mukomere, mwumve Radiyo yanyu RTLM burya urukundo ni ururambye, urukundo ni urumaze igihe, mwe kujya mudukunda urumamo ngo mudufungure akanya gato ubundi mutureke, natwe tuzakomeza gukora uko dushoboye tubashimishe ni yo ntego yacu, tubabwize ukuri, tubabwize ukundi kuri abandi bashaka kubahisha. Abashaka kubazibiranya ntabwo abo turi kumwe. Ni bo ba bandi wumva baduhigira. Ariko se ubwo bazatugira gute? Ni hahandi bazahekenya amenyo bayamarire mu nda, ubundi tubabane ubukombe. Ngo ihotora ihirwa, maze abatwumvise mwese ... abatwumvaga, abumvaga Radiyo yigenga RTLM ivugira i Kigali ku murongo w'ijana na gatandatu n'ijana... nako na mirongo cyenda na kane, mwese aho muri mu maperefegitura yo... y'u Rwanda

K0164378

yose Kigali-Ville, Kigali-Ngari, Gitara... (interruption)

**Fin de la face A.**

K0164379

**FACE B**

**Orateur : Kantano HABIMANA**

Nizeye ku i... i... nizeye yuko inama nazigiriye zo gucisha make tuku... tukubaka iki gihugu nta ntambara, bakabika bya kalashinikovu byabo na bya katiyusha, nizeye yuko bayumvise maze tukaba tubiteze muri iyi minsi, bakazaza maze tukabana mu mahoro meza, abanyapolitike ntibazabasubize mu mirwano ngo bongere batume bakomeza barara mu myobo basa nabi, baze bacye, barye iby'igihugu cyababyaye. Ba...tudusangiye nta kuducura ngo ni uko uje ngo... ngo uri muremure cyangwa ngo ufite bya bottes cyangwa bottines, ibyo ntabwo byashoboka! Ntabwo byashoboka!

Maze rero, hein, narondogoye cyane, narondogoye cyane ariko ni ko bimeze tuba tugira ngo tubabwire, hanyuma bazumva ryari se? Ariko rero tubwira abumva. Mukomere rero abumva Radiyo RTLM. (Intermède musical)

... mirongo cyenda na kane, nari maze kubabwira ko dusezeye ariko ntabwo bishobotse kubera ko... dutegereje itangazo, dutegereje amakuru ashyushye yihutirwa cyane. Maze rero abari bagize... abari bagiye iruhande rwa RTLM barebye ahandi bajya, mugaruke vuba, mugaruke vuga mwegere Radiyo RTLM ibafitiye itangazo ryihutirwa kandi... ni tangazo ntabwo ndasohoka hano ngo ndebe aho riturutse, ariko rero ni itangazo rikomeye. Maze ntimugire ahantu mujya, mutege ugutwi Radiyo RTLM ibagezeho iyo nkuru ishyushye ntibacike. Iryo tangazo rero mu kanya riraje. Hanyuma... mube mwumva... mube mwumva uyu muziki ... turi kumwe, turi kumwe turagira ngo tubagezeho iyo nkuru yihutirwa ... mu kanya rwose kangana urwara ntimurambirwe. Mwumve Radiyo RTLM kandi ntihagire ubacura iyo nkuru.

... tubabwiye amakuru ashyushye akomeje kutugeraho, inkuru ishyushye naheraho, (fond musical) kubera ko ibeshyuza iyo nari navuze ariko nanjye ntari ... ntabyizeye neza, ni byo koko mu myigaragambyo yabaye MINUAR yaje, MINUAR yaje ee... yaje ariko nta muntu rero MINUAR

abasirikari ba MINUAR barashe, nta wakomeretse nta n'uwapfuye. Ubwo rero iyo nkuru yari itugezeho cyari igihuha. Hanyuma ndashimira Liyetona BAZIRUWIHA utegeka Brigade ya Nyamirambo u...nsobanuriye neza uko ibintu byagenze.

Dore rero uko ibintu byagenze muri make, abantu bakoze imyigaragambyo. Muri iyo myigaragambyo hari abantu bari bafite grenades baza kuzita ahantu, nta wamenya niba bari baziteye cyangwa bari bazi... ari ukuzita gusa, noneho a... bazibonye bahamagara abantu bo muri MINUAR bazobereye mu byo guturitsa amasasu yatezwe cyangwa gutegura. Abo basirikare rero ba... bo muri MINUAR bahise batabara noneho baza gutegura izo grenades baza kuziturìtsa. Nta muntu rero wakomeretse nta n'uwapfuye. Ubwo rero... abasirikare bo muri MINUAR, hein, hari uwari wabateye urubwa ntabwo ari byo nta muntu bishe, nta n'uwakomeretse ahubwo baturikije izo grenades barigendera ni ko mbitangarijwe na Liyetona BAZIRUWIHA wiriwe akurikirana iby'iyo myiga... iby'iyo myigaragambyo akaba ategeka Brigade ya Nyamirambo. Ubwo rero arakoze kuduha iyo nkuru.

Hanyuma mu kanya gato ndabagezaho inkuru i... inkuru zikomeye zibabaje cyane ziturutse i Bujumbura mu Burundi aho abantu bakomeje gupfa. Na n'ubu ubu ngubu mvuga barimo barapfa. Hanyuma mu kanya ... ndabibagezaho kano kanya.

Hanyuma... kubera ibibazo by'umutekano, Komite y'Interahamwe za MRND mu rwego rw'igihugu iramenyesha abaperezida b'Interahamwe za MRND b'amasegiteri yo mu mujyi wa Kigali no mu nkengero zawo ko basabwe kuza mu nama yihutirwa uyu munsi itariki ya mbere saa kumi ku Cyicaro cy'ishyaka MRND. Ku cyicaro cy'ishyaka re... MRND uyu munsi saa... uyu munsi saa kumi hari inama y'abaperezida b'Interahamwe za MRND b'amasegiteri yo mu mujyi wa Kigali no mu nkengero zawo. Iyo nama iraba iyobowe n'abayobozi bakuru b'ishyaka ryanyu MRND. Ni Perezida w'Interahamwe mu rwego rw'igihugu, KAJUGA Robert ni we utuzaniye iri tangazo.

Mwa... nk'uko nababwiraga amakuru akomeje guturuka i Burundi i Bujumbura, ayo makuru ni mabi cyane, ni mabi cyane dore n'uko bivugwa nk'uko telefone igeze hano kano kanya ibitubwiye, umujyi

wa kame... hum, ntabwo ari umujyi ni a... ni quartier ya Kamenge. Kamenge yose rero abasirikare bayigose. Abasirikare bayigose noneho atari abambaye tereningi, bambaye n'intwaro za gisirikare zihambaye. Hanyuma ngo bategereje yuko gusa hari umuntu ukoma, ukoma akamo. Bategereje ababategeka icyo babategeka gukora, niba ari ukuyitsembaho cyangwa se ari ugukora ikindi nta wubizi. Gusa abaturage baraṭegereje. Barategereje bari mu gihirahiro. Cyakora Kamenge yo bayigose, ubu ngubu abasirikare bayigose kandi uko umuntu abareba murabona yuko ba... bagiye gushoza intambara.

Hanyuma... hanyuma rero ee... aho ngaho mu Kamenge mbibutse yuko hari hamaze iminsi banga yuko abasirikare b'Abatutsi n'aba... n'abajandarume n'iki bahaza, noneho bakagirana ubushyamirane. Hanyuma rero hari ibigo by'abasirikare byakomeje ... harimo ikigo cy'i Gitega, harimo... ibindi bigo byose byakomeje byohereza abasirikare muri renfort ngo bazajye kubonana n'abo Bahutu bo mu Kamenge. Ubwo rero murumva uko ibintu byifashe, cyakora hagati aho tumaze kumenya yuko umudamu ... umudamu w'umugabo ndashoboye kumenya neza wahoze ari muri... ategeka Facul... ari muri Faculté i Butare, yigisha muri Faculté ya médecine i Butare, uwo mugabo ... uwo mugore rero w'uwo mugabo bamaze kumuhitana. Bamaze kumuhitana hanyuma n'abandi murabyumva barimo barapfa, ntabwo turamenya neza ntabwo... abaduha aya makuru ntibarabara neza ngo batubwire umubare, ariko murumva yuko ibintu bikomeye i Bujumbura.

Mwarimo mwumva Radiyo yigenga RTLM, ubu ni saa sita n'iminota cumi... hafi cumi n'itanu, inkuru rero dushorejeho mwazumvise ni uko abari batubwiye yuko abasirikare ba MINUAR barashe abantu ku Kimisagara ntabwo ari byo, ahubwo abasirikare ba MINUAR baje guturitsa ibintu by'ibisasu bari bahabonye by'amagrenade, hanyuma nta muntu wakomeretse, nta n'uwapfuye.

Inkuru ya... inkuru yindi tubagejejeho y'i Bujumbura ni uko umujyi ee... nako igice cy'umujyi wa Bujumbura kirimo Kamenge abasirikare bakigose, bakigose bafite intwaro zikomeye za gisirikare hanyuma bakaba biteguye kucyinjiramo. Ubwo rero... icyakora tumaze kumenya ko hamaze gupfa umutegarugori umwe w'umugabo wigishaga muri Faculté de Médecine i Butare ee... wari

warahungutse asubira i Burundi. Ubwo rero ni ugutegereza uko bimeze. Ba BIKOMAGU barongeye bagiye gukora mu nda Uburundi. Ni akumiro, birababaje! Nari ngiye kuvuga ngo nta kundi kwa... byagenda ariko hari ukundi byagenda. Gusa birababaje kubona bongeye kujya kumena amaraso bene ako kageni.

Hanyuma indi nkuru rero ni uko kubera ibibazo by'umutekano, Komite y'Interahamwe za MRND mu rwego rw'igihugu imenyesha abaperezida b'Interahamwe za MRND ba segiteri zo mu mujyi wa Kigali no mu nkengero zaho ko basabwe kuza mu nama yihutirwa uyu munsi. Uyu munsi rwose saa kumi ku Cyicaro cy'ishyaka MRND. Iyo nama iraba iyobowe n'abakuru ee... n'abayobozi bakuru b'ishyaka MRND. Ni Perezida w'Interahamwe za MRND mu rwego rw'igihugu KAJUGA Robert ee... ubi...bagejejeho.

Maze rero abumva Radiyo RTLM aho muri hose mwakoze kudutega amatwi. Mujye mukomeza mwumve Radiyo yanyu kugira ngo ibagezeho amakuru ashyushye kandi ibakurikiranire uko ibintu byifashe muri iyi si no muri uru Rwanda rwacu no mu bavandimwe b'i Burundi. Ahasigaye mwiririweho, ni aha nimugoroba saa kumi n'ebyiri. (Musique)
(Hymne national).

**Orateur : Gaspard GAHIGI**

... Radiyo yanyu, Radiyo yigenga, muri iki gitondo rero muri hamwe na Gaspard GAHIGI na... NKOMATI Emmanuel. Hanyuma turaganira ku bintu byinshi tubagezeho amakuru ashyushye, ariko icyo tubabwira ni uko hari imvugo yateye ngo "hanze aha hari abaryi". Koko barahari, turagerageza kureba n'abantu biba muri iki gihugu kuko hari abantu twagiye tuvumbura. Ubwo rero turabagezaho ubujura uko bwifashe muri bamwe twashoboye kumenya n'abo tutamenye rero bamenye kutubakurikirira hafi. Ubwo mukomeze mwumve RTLM ni aho mu mwanya.

... (arimyoje) wari wakijwe noneho ukaburizwamo na Guverineri wa Banki Nkuru y'igihugu, Bwana (Inaudible).

**Orateur : Emmanuel NKUBILI**

Hari ubutumwa bwanyu nshaka kubagezaho.

**Orateur : Gaspard GAHIGI**

Ministre w'Intebe, Madamu UWILINGIYIMANA Agata abacuriye urupapuro rubaha uburenganzira busesuye bwo gusinyira ayo mafaranga mu mabanki. Urwo rupapuro Madamu UWILINGIYIMANA Agata yarushyizeho umukono tariki ya makumyabiri n'enye z'ukwezi kwa munani mirongo cyenda na gatatu, ni ukuvuga umwaka ushize. Dufite photocopie y'urwo rupapuro.

Urupapuro Agata yasinye rukavuga ko kuri uwo ... (interruption)

(Partie non enregistrée)

**Orateur : Gaspard GAHIGI**

... wateye kwa BARAYAGWIZA Jean-Bosco, Umujyanama w'ishyaka CDR mu ijoro ryo ku itariki ya mirongo itatu Mutarama, uwo muserija yambuwe ingofero ye ya béret rouge kandi bagiye kumwuriza indege asubire iwabo mu Bubiligi. Ibyo byatangajwe ejo na Koloneli Maréchal, Umugaba w'Umutwe w'ingabo z'Ababiligi zigize MINUAR igihe yari aje kureba BARAYAGWIZA aje kumusaba imbabazi ayoboye n'izindi ntumwa zirimo Lieutenant Colonel Le Roi, Commandant w'ingabo z'Ababiligi zirinda umujyi wa Kigali n'undi musirikare mukuru w'Ububiligi ushinzwe gukora za ankete.

Bemeye rero ko abasirikare babo bakoze amakosa kandi ko abakoze ayo marorerwa bamenyekanye ndetse bakaba baratangiye kubafatira ibihano batangiriye kuri serija wari ubayoboye. Abo bakuru b'ingabo z'Ababiligi bavuze ko ibintu nk'ibyo bitazongera kuko binyuranyije n'umurimo bashinzwe kandi bikaba bitabahesha ishema.

BARAYAGWIZA yabwiye abakuru b'ingabo z'Ababiligi ko bafatira ibihano n'abandi basirikare barindwi bari bayobowe n'uwo muserija kandi bakirinda ibikorwa nk'ibyo kuko birushaho kongera urwikekwe Abanyarwanda bakenze ingabo z'Ababiligi zitaranagera no mu Rwanda bakaba barabigaragaje mu ibaruwa bandikiye Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye tariki ya munani Ugushyingo mirongo cyenda na gatatu, bakayisinyaho ari benshi.

Abavugaga rero ko ibyabaye kwa BARAYAGWIZA ari sinema ubanza bumvise aho ukuri kuri. N'abavuze ko bashatse gusaka BARAYAGWIZA imbunda akanga na bo bumvise ko atari byo. Ukuri ni uko habaye ibikorwa by'urugomo ababikoze bakabyemera kandi bakaba baratangiye gufatirwa ibihano, ndetse n'abakuru b'ingabo z'Ababiligi bakaba babyemera, bakaba baragaragaje ko bibabaje kandi bakaba baragiye kubisabira imbabazi BARAYAGWIZA.

**Orateur : Emmanuel NKOMATI**

... muri Segiteri Cyahafi imaze kumenya ko hari insoresore zo... zo mu ishyaka PSD ndetse n'izindi ziha kwirirwa zambaye ibirangashyaka bya MRND biyita Interahamwe, n'uwaba yiyita ko yibohoje akaba akiri muri essai, bakiha kwirirwa bacurika abahisi n'abagenzi ku manywa y'ihangu, ibya ninjoro byo nta wabibara, izo nsoresore rero zafatanyije n'agatsiko gafite akabari munsi y'akazu k'amazi, baraye bacanye ibipine bishaje bavuza amafirimbi ngo biteguye Interahamwe ... ngo biteguye Interahamwe ziza kubatera bituma abantu barara bahagaze. Uwitwa TWAGIRAYEZU Pascal, Cyuma na ba... na BAGENZI Jonathan alias Rukamata ni bo baraye babyutsa abantu ngo babafashe ... ngo babafashe kwirarira ariko inyuma y'abo bantu hakaba hihishe uwitwa MUNYESHYAKA Emmanuel na MBAYIHA Jean-Bosco. Abo bamenye ko imvururu zizavuka mu Gakinjiro ari bo ... abo bamenye

ko imvururu zizavuka mu giki... mu Gakinjiro ari bo zizabazwa. Keretse rero niba ari ikidodo cy'amaraso y'abantu bamenye, bamennye n'ibintu bangije.

Dusabye Interahamwe zose, JDR pawa, PL pawa n'impuzamugambi iyo ari yo yose uzafata imwe muri izo nsoresore zo muri PSD ko yayishyikiriza ubutegetsi bukamuhana bwihanukiriye.

Komite iragaya by'umwihariko TWAGIRAYEZU Télesphore umuntu w'umugabo wiyita ko ari MR... MDR pawa wiha kumva amahomvu izo nkorabusa zimubwiye nk'aho atakwihutiye kubisobanuza neza ku bo bafatanyije kurwanya ikirura ahubwo agahita ahungisha umuryango we bitari... bitari ngombwa, ko iyo ngeso mbi yayireka ahubwo akaza agafatanya n'abandi mu bikorwa... agafatanya n'abandi mu bikorwa byo kugarura umutekano. Mu izina rya komite y'Interahamwe za segiteri Cyahafi ZIRAGORA Joseph ni we washyize umukono kuri iri tangazo.

**Orateur : Gaspard GAHIGI**

... ma, twakunze kubagezaho ibintu birebana n'amateka y'u Rwanda. Muri uyu mwanya rero nkagira ngo ntange ikizami, ntange ikizami nkihe cyane cyane abakuru, ubushize natanze ikizami cyarebaga cyane cyane abanyeshuri, ariko... icyo ngiye gutanga ubu ngubu ubanza kireba cyane cyane abantu bakuru. Nkagira ngo rero mbahe ikizami noneho turebe koko niba hari abantu bazi amateka y'iki gihugu. Simvuga abakuru gusa hari n'abana baganira na ba se, hari n'abana basoma ku buryo rimwe na rimwe umuntu muto ... si ukuvuga ko ari muto byatuma atamenya amateka y'igihugu. Ubwo rero abanyumva mufate urupapuro, mufate n'ikaramu noneho mbahe ikizami cyerekeranye n'amateka y'igihugu, hanyuma uzagitsinda ubwo nzamushakira ibihembo. Hari abantu b'abagiraneza mwumvise ubushize ko Institut... Institut Saint Fidèle ari yo yampaye ibihembo nahaye batanu batsinze. Ubu rero nzashakisha n'abandi bazampa icyo nzahemba umuntu uzi amateka y'igihugu. Ubwo rero sinzi niba mwamaze gufata urupapuro n'ikaramu, noneho ngo mbagezeho ibibazo bine, noneho uzabitsinda rero ubwo azabona igihembo. Nkaba rero ngira ngo niba mwamaze gufata ikaramu n'urupapuro mbagezeho icyo kizame. Nkagira ngo uvuge amazina y'umutegetsi cyangwa y'undi muntu uzwi

cyangwa wari uzwi kuko ashobora kuba yaritabye n'Imana, uwo muntu rero w'umutegetsi cyangwa undi muntu wese uzwi cyane mu iki gihugu, noneho uvuge amazina y'uwavuze interuro ngiye kuvuga, noneho uvuge n'uko byagenze kugira ngo avuge atyo. Donc, mu gifaransa navuga circonstances zatumye avuga atyo. Donc, uravuga izina ry'umuntu wavuze izi nteruro enye ngiye kuvuga, buri nteruro nyine ifite uwayivuze, uvuge izina rye, uvuge n'uko byagenze kugira ngo avuge atyo.

Interuro rero ya mbere: uyu muntu yaravuze ati "aho ngenda hose haba hari Abaparmehutu". Ukavuga uwabivuze, ukavuga n'uko byari bigenze kugira ngo avuge atyo. Interuro ya mbere rero: "aho ngenda hose haba hari Abaparmehutu".

Interuro ya kabiri, ukavuga uwayivuze, ukavuga n'uko byagenze kugira ngo avuge atyo. Uwo muntu yaravuze ati "aho kwica GITERA nimwice ikibimutera". Aho kwica GITERA nimwice ikibimutera.

Interuro ya gatatu ukavuga uwayivuze, ukavuga n'uko byari bigenze kugira ngo avuge atyo. Nuko uwo muntu ati "igihe cyo gukorera rubanda rugufi ni kigufi". Igihe cyo gukorera rubanda rugufi ni kigufi. Ukavuga uwabivuze, ukavuga n'uko byari bigenze kugira ngo avuge atyo.

Interuro ya kane. Interuro ya kane ari na yo ya nyuma ukavuga uwayivuze, ukavuga n'uko byari bigenze kugira ngo avuge atyo. Interuro ya kane rero uwo muntu yaravuze ati "nta Muhutu usubira inyuma". "Nta Muhutu usubira inyuma". Nagira ngo nsubiremo izo nteruro zose, mukaba mufite icyumweru kimwe kugira ngo musubize ibyo bibazo, hanyuma ubwo nzajya ndeba cachet iri ku ibaruwa, ubwo uzasubiza rero nyuma y'icyumweru ntabwo nzirirwa mukosora, hanyuma ubwo muzaba mufite icyumweru kimwe kugira ngo musubize ibyo bibazo uko ari bine, nkaba ngira ngo mbisubiremo mubyumve.

- Vuga amazina y'umutegetsi cyangwa y'undi muntu uzwi cyangwa wari uzwi cyane muri iki gihugu uvuge n'ukuntu byamugendekeye kugira ngo avuge atyo. "Aho ngenda hose haba hari Abaparmehutu".
- "Aho kwica GITERA nimwice ikibimutera".

- "Igihe cyo gukorera rubanda rugufi ni kigufi".
- "Nta Muhutu usubira inyuma".

Ibisubizo rero mukabyohereza kuri RTLM, mukandiho irushanwa, agasanduka k'iposita makumyabiri n'icyenda mirongo ine n'umunani, Kigali. Ubwo rero ni ukwandika ku ibahasha, mukandikaho RTLM, mukandiho irushanwa, mukandikaho boîte postale makumyabiri n'icyenda mirongo inani n'umunani i Kigali. Mukaba mufite icyumweru kimwe kugira ngo mube mwashubije ibyo bibazo noneho uzabitsinda rero nzamushakira ibihembo bishimishije. Ubwo rero nababwira iki mushakishe ayo mateka ye... y'igihugu cyacu, hanyuma musubize ibyo bibazo.

Reka nongere mbisubiremo:

- "Aho ngenda hose haba hari Abaparmehutu", ukavuga uwabivuze n'uko byari bigenze kugira ngo avuge atyo.
- Indi nteruro : "Aho kwica GITERA nimwice ikibimutera".
- Indi nteruro : "Igihe cyo gukorera rubanda rugufi ni kigufi".
- Interuro ya nyuma: "Nta Muhutu usubira inyuma".

Mukomeze rero mwumve RTLM, mufite icyumweru kimwe kugira ngo mube mwashubije ibyo bibazo, uzatsinda nkamushakira ibihembo bishimishije.

... turafunga ibyuma byacu ariko mbere yo gufunga ndagira ngo mbabwire ko ababyeyi ba NTAKIRUTIMANA David akaba ari umwana w'umunyeshuri uri mu kigero cy'imyaka cumi n'itandatu, ababyeyi rero ba NTAKIRUTIMANA David bamurangisha. Uwo mwana akaba yaragiye agiye kwiga ejo, yigaga muri Ecole technique ... (musique)

Ariko no muri MAGERWA na ho ngo hari abaryi. Muri MAGERWA ejobundi hari ibintu bya Rwanda Petrolgaz byari muri douane ariho byibwe ibyo bintu bifite agaciro ka miliyoni cumi n'imwe n'ibihumbi magana atanu, ... miliyoni cumi n'imwe n'ibihumbi magana atanu umuntu agira atya arazimira. Ibyo bintu rero bagira batya baraza bitwarwa n'umuntu atari nyirabyo. Ubwo burangare

rero bw'uwabisohoye agaha umuntu ibintu bitari ibye bifite agaciro ka miliyoni cumi n'imwe n'ibihumbi magana atanu, ibyo bintu bikaba birimo urujijo. Ibintu bya PETRORWANDA, bya Rwanda Petrolgaz rero bagira batya barabimira, bisohorwa n'umuntu atari ibye arabirya. Ubwo rero abamenyereye gukora muri Douane murumva ko hanukamo ikintu kitumvikana kugira ngo umuntu aze asohore ibintu bitari ibye bifite agaciro ka miliyoni cumi n'imwe n'ibihumbi magana atanu bati ibyo bintu ntibihwitse. Kandi bakavuga ko atari bwo bwa mbere ibyo bintu biba muri MAGERWA bati "dore hari n'uherutse kwiba muri caisse amafaranga na yo y'akayabo", bati "ariko ugasanga ankete nta cyo zifata".

Hanze aha rero hari abaryi, ngira ngo abantu bakwiye kubahagurukira abo baryi ntibakomeze kwiba no kumunga umutungo wa rubanda.

Nshuti mutwumva rero nagira ngo umutekinisiye abashyirirého akaririmbo gasoza, hanyuma mbasezereho. Mwari kumwe na GAHIGI Gaspard muri iki gitondo, hanyuma na NKOMATI Emmanuel w'umustajiyeri, tukaba twafatanyije rero muri iki gitondo, nkaba ngira ngo mbashimire ni a... ni aha nimugoroba. (Hymne national), (musique)

**Orateur : NKOMATI Emmanuel**

Mukomeje kumva Radiyo RTLM ...

**Fin de la face B.**